GUSOBANURA INYANDIKO ZA GIHANUZI



Icyigisho cya 8 cyo ku wa 21 Ugushyingo 2026

“Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we”

(Luka 24:27)



Mu nzira ijya i Emawusi, Yesu yigishije Ibyanditswe abigishwa Be babiri. Ntituzi ibikubiye muri icyo cyigisho byose, ariko tuzi uburyo yakoresheje kugira ngo atange icyo cyigisho gikomeye cyatumye imitima y’abigishwa Be irushaho kugurumana.

Ni ubuhe buryo bwiza bwo kwiga Ibyanditswe no gusangiza abandi ubutumwa burimo?

Muri icyi cyigisho, turasuzuma uburyo butandukanye bwafasha mu kwiga Bibiliya, buzatuma dushobora gusangiza abandi ubutumwa bwayo mu buryo bw’ukuri kandi bunoze.





- Bibiliya irisobanura ubwayo
- Icyerekezo gishingiye ku mateka
- Icyerekezo gishingiye ku muco
- Icyerekezo gishingiye ku myandikire
- Kumenya icyo inyandiko ivuga
- Kwiga Bibiliya hashingiwe ku nsanganyamatsiko

BIBILIYA IRISOBANURA UBWAYO


"Kuko ibye ari ugutoza itegeko rikurikirwa n'irindi, itegeko ku itegeko, umurongo ku murongo, n'umurongo ku murongo, aha bikeya, hariya bikeya" (Yesaya 28:10)

Bibiliya irisobanura ubwayo, kurusha ubundi buryo bwose yasobanurwamo.



Yisobanura mu gitabo runaka ubwacyo

- **Urugero: Daniyeli asobanura icyo iyerekwa rye risobanura, avuga ko za nyamaswa yabonye ari ubwami (Daniyeli 7:3, 17)**




Ubusobanuro butangwa n'undi muhanuzi

- **Ezira yasobanuye icyo imyaka 70 yavuzwe mu buhanuzi bwa Yeremiya isobanura (Yeremiya 25:11–12; 2 Ngoma 36:22–23)**



Isezerano Rishya risobanura Isezerano rya Kera

- **Matayo yasobanuye ko kuvuka kwa Yesu ari isohozwa ry'ubuhanuzi bwa Yesaya (Yesaya 7:14; Matayo 1:22–23)**




BIBILIYA IRISOBANURA UBWAYO

Yesu ntiyasobanuye Isezerano rya Kera gusa, ahubwo yanarihaye ubusobanuro bwaryo bw'ukuri, burenze ibyo amagambo avuga.



ISEZERANO RYA KERA	MWUMVISE KO...	ISEZERANO RISHYA	JYEWEHO NDABABWIRA...
Kuva 20:13	Ntuzice	Matayo 5:21–22	Ntukarakarire uwo ari we wese
Kuva 20:14	Ntugasambane	Matayo 5:27–28	Ntukarebane umugore irari
Gutegeka 24:1	Uhe umugore urwandiko rwo kumusenda	Matayo 5:31–32	Gusenda bishoboka gusa iyo habayeho ubusambanyi
Abalewi 19:12	Ntuzarahire ibinyoma	Matayo 5:33–34	Ntuzarahire, uko byagenda kose
Abalewi 24:20	Ijisho rihorwe irindi	Matayo 5:38–39	Ntukabuze umuntu mubi kukugirira nabi
Abalewi 19:18	Ukunde mugenzi wawe	Matayo 5:43–44	Ukunde abanzi bawe



ICYEREKEZO GISHINGIYE KU MATEKA

"Ntihazongera kubamo umwana umaze iminsi mike, cyangwa umusaza udashyikije imyaka ye, kuko umwana azapfa amaze imyaka ijana, ariko umunyabyaha azavumwa, apfe atamaze imyaka ijana." (Yesaya 65:20)

Ese mu isi nshya abana bazapfa, kandi se hazabaho abanyabyaha? (Yesaya 65:17–20)

Iyo ubuhanuzi bwa Yesaya busobanuwe hakurikijwe ubuhanuzi bw'imperuka bwo mu Isezerano Rishya, ntibuca igikuba gusa, ahubwo bunavuguruzanya (Ibyahishuwe 21:1–4).

Tugomba gusobanukirwa ko icyerekezo gishingiye ku mateka cya Yesaya ari ikintu kimwe, kandi icy'Ibyahishuwe kikaba ikindi. Yesaya yavuze ku hazaza ha Isirayeli mu gihe yari kwemera Mesiya. Ariko mu gihe cya Yohana, Isirayeli yari yaramaze kwanga Mesiya. Icyerekezo cyari cyarahindutse.

Iyo Isirayeli iba yarakiriye Mesiya, hajyaga kubaho impinduka ikomeye: gucungurwa no guhinduka kw'Isi n'abantu kwari gutangira buhoro buhoro. Abantu bera bari kubaho igihe kirekire nk'ibiti (Yesaya 65:22), kandi inyamaswa ntizari kuba mbi ku musozi wera (Yesaya 65:25).

Nuko, amaherezo, abapfuye bari kuzazuka maze urupfu ntirwongere kubaho (Yesaya 26:19; 25:8). Uyu mugabane wa nyuma w'ubuhanuzi bwa Yesaya ni wo wonyine uzasohozwa uko wanditse, kuko udashingiye ku cyemezo cya Isirayeli.



ICYEREKEZO GISHINGIYE KU MUCO

"Bene Data bose barabatashya. Mutashyanishe guhoberana kwera." (1 Abakorinto 16:20)

Mu Bwami bw'Abaroma, kimwe n'ahandi henshi muri iki gihe, gusuhuzanya abantu basomana ku itama byari ibintu bisanzwe. Muri uwo muco, inama za Pawulo zari nziza (1 Abakorinto 16:20).





Ariko—urugero—mu muco w'Abayapani, gukoranaho mu ruhame ahenshi ntibyemewe, bityo iyo bibaye akenshi bitera abantu benshi kwikanga, kūmirwa, cyangwa kubangamirwa.



Abakomoka ku Bongereza



Muri Tayilandi



Muri Tibetani



Muri Nuvele Zelandi


Kubera ko, muri uwo muco, gukurikiza inama ya Pawulo byatuma umuntu yangwa n'abandi, tugomba kwakira iyo nama tuyijyanisha n'aho turi.



Twaba turi mu Buyapani, cyangwa ahandi hose ku isi, tujye dusuhuzanya mu buryo bujyanye no gusuhuzanya mu muco waho, tugaragaze dutyo urukundo dufitanye nk'abavandimwe.

ICYEREKEZO GISHINGIYE KU MYANDIKIRE


«Aramubwira ati "Niba uri Umwana w'Imana, ijugunye hasi kuko handitswe ngo 'Izagutegekera abamarayika bayo, Bakuramire mu maboko yabo, Ngo udakubita ikirenge ku ibuye.' "» (Matayo 4:6)



Hari imvugo yabaye gikwīra ivuga ko "imirongo itajyanishijwe n'ibyerekezwagaho iba urwitwazo." Mu yandi magambo, gukoresha imirongo ukwayo bishobora kudutera kwishyiriraho ubusobanuro bwayo bujyanye n'ibitunogeye, akenshi bihabanye n'inyigisho nyakuri ya Bibiliya.

Ni ikihe cyerekezo imirongo runaka ya Bibiliya ishingiyeho?

Icyerekezo cy'ibanze ni imirongo iyibanziriza n'iyikurikira. Icyerekezo cyagutse ni igice cyose iyo mirongo irimo. Dushobora no kurushaho kwagura icyerekezo, tureba igitabo cyose iyo mirongo irimo.



Zaburi ya 91:11–12 havuga uburyo Imana iturinda ibyago tutikururiye. Satani yayikuye mu cyerekezwagaho ndetse ayivuga ituzuye, ngo agerageze gutera Yesu kwishyira mu kaga nkana akoresheje iyi mirongo nk'urwitwazo (Matayo 4:6).





“Kugira ngo bashyigikire inyigisho z’ibinyoma cyangwa ibikorwa bitari ibya Gikristo, bamwe bazafata imirongo y’Ibyanditswe bayitandukanye n’ibyo ivuga, bakifatira nk’amagambo yo mu gice cy’umurongo kugira ngo bashyigikire igitekerezo cyabo, iyo igice gisigaye muri uwo murongo gitandukanye n’inyigisho zabo. Kubwo kugira ubucakura nk’ubw’inzoka, bikingiriza imvugo bahimbye ishobora gushyigikira ibyo kamere yabo ishaka. Uko ni ko benshi bagoreka Ijambo ry’Imana ku bushake. Abandi bājāmbūye bihanitse, bafata imvugo-shusho n’ibimenyetso byo muri Bibiliya, bakabisobanura uko bishakiye, batitaye ku bihamya byo mu Byanditswe ko byisobanura ubwayo, maze bagakwirakwiza ayo mafuti bayitirira Bibiliya.”

E.G. White, *Intambara Ikomeye*, p. 512

KUMENYA ICYO INYANDIKO IVUGA

"Na we aramusubiza ati 'Byanditswe bite mu mategeko? Icyo uyasomamo ni iki?' " (Luka 10:26)





Abakristo bose bagomba ubwabo gusobanukirwa Bibiliya. Bibiliya irasobanutse neza ku buryo abantu bose basobanukirwa inzira y'agakiza, ariko iranazimije bihagije ngo ibe yayobera ubwenge bw'abahanga. Ibyanditswe ni ubutunzi butagira iherezo bw'ubumenyi bukiza butazigera bushira na gato.

Ariko buri buryo bwo gusobanura neza imirongo yo muri Bibiliya, bugomba gukurikiza amabwiriza runaka:

- **Tugomba gusobanukirwa amagambo yo mu nmurongo (aho bishoboka, dukoresheje indimi z'umwimerere cyangwa ingeri zitari zimwe)**
- **Gukurikiza imiterere yose y'umurongo (amateka, umuco n'imyandikire)**
- **Kugereranya n'imirongo ijyanye nayo (nk'ibitabo 4 by'Ubutumwa Bwiza), cyangwa imirongo ivuga ku ngingo imwe n'uwo**
- **Ubusobanuro bwanzurirwaho bugomba kuba bujyanye n'inyigisho z'ibindi bice bya Bibiliya.**

KWIGA BIBILIYA HASHINGIWE KU NSANGANYAMATSIKO

"Atangirira kuri Mose no ku bahanuzi bose, abasobanurira mu byanditswe byose ibyanditswe kuri we." (Luka 24:27)



Ku Mukristo, kwiga Bibiliya si amahitamo. Tugomba guhora dukura mu kumenya ubushake bw'Imana, twemera kuyoborwa n'Umwuka Wera mu kwiga Ijambo ryayo (Yohana 16:13).

Byongeye kandi, tugomba kuba "twiteguye iteka gusubiza umuntu wese utubajije impamvu z'ibyiringiro dufite" (1 Petero 3:15).




Kwiga Bibiliya hakurikijwe insanganyamatsiko bizatubashisha kugeza ubutumwa ku bandi, haba mu kubaha ibyigisho bya Bibiliya cyangwa mu kubwiriza Ijambo.



Ni ngombwa kandi kugira umutima wicishije bugufi, kugira ngo tubashe kungukira mu bumenyi bwa Bibiliya abandi bantu bafite, abo dushobora kwigiraho.

Nubwo tutazi ibyari bikubiyemo byose, tuzi ko Yesu yahaye abantu babiri ibyigisho bya Bibiliya ku bijyanye n'umurimo We wa Mesiya, ashingiye ku mirongo itari imwe ya Bibiliya (Luka 24:25–27).




“Mu by’ukuri, imwe mu migabane y’Ibyanditswe Byera irasobanutse neza ku buryo umuntu ahita abyumva neza; ariko hari indi ifite ubusobanuro butari amajyejuru, ku buryo idahita isobanuka ako kanya. Ibyanditswe Byera bigomba kugereranywa n’Ibyanditswe Byera; tugomba gushakisha mu buryo bwitondewe no gutekereza twitonze. Kandi uko gushakashaka kuzagera ku ntego rwose. Nk’uko ucukura amabuye y’agaciro avumbura imigende y’amabuye y’agaciro ahishe munsi y’ubutaka, ni ko n’uhora ashakisha Ijambo ry’Imana nk’ushaka ubutunzi buhishwe, azabona ukuri kw’agaciro gakomeye, guhishwe amaso y’ushaka atabyitayeho.”

E.G. White, *Our High Calling*, July 18

UMUGEREKA: GUSOBANURA INYANDIKO ZA ELINA G. WHITE

Iyo twiga inyandiko za Elina G. White, tugomba gukurikiza amahame amwe n'ayo dukurikiza iyo twiga imirongo yo muri Bibiliya.



Amagambo nk'aya : "Amafaranga yatanzwe ku magare, imyambaro, n'ibindi bintu bitari ngombwa, agomba gutangirwa ibisobanuro" (*Ibihamya ku Bagabura*, p. 398), agomba kumvikana hashingiwe ku bihe byo hambere (mu mwaka wa 1890, igiciro cy'igare cyanganaga n'umushahara w'amezi menshi).



EGW WRITINGS®
WHITEESTATE.ORG | ELLENWHITE.ORG

Gukoresha ibika bivanywe mu cyerekezo cy'imyandikire cyabyo bituma tuvugisha Elina ibyo atigeze ashaka kuvuga, cyangwa tugashyigikira ingingo y'inyigisho inyuranye n'ibyo yemeraga kandi yigishaga.

Mbere yo gufata umwanzuro, tugomba gusuzuma ibyo yigishije byose ku ngingo runaka, aho kwishingikiriza gusa ku magambo make mu yo yavuze.

Ku rundi ruhande, tugomba kwibaza tuti: Ese koko yanditse ibyo ndimo kubwirwa? Buri gihe genzura ko interuro ari ukuri kandi ko ari umwimerere (koresha urubuga rwemewe: https://egwwritings.org/).

